# GAHIZI v UMULISA

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – R C 0 0 0 0 3 / 2 0 20 / C A (Nyirandabaruta P.J., Mukanyundo na Umugwaneza J.) 19 Werurwe 2021]

*Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Inyungu mu rubanza – Umutungo w'abashakanye – Kugabana umutungo mu rubanza rw'ubutane – Gukurirwaho umwenda ku bashakanye, binyuze mu rubanza biri mu nyungu z'abashakanye kabone nubwo baba bafitanye urubanza rw'ubutane*

**Incamake y'ikibazo:** Urubanza rwatangiye Umulisa arega Gahizi mu Rukiko Rwibanze rwa Kagarama asaba ubutane kuko kubana ngo bitari bigishoboka. Urukiko rwemeje ko batana burundu bakagabana imitungo n'amadeni kuko rwasanze bafitiye umwenda sosiyete yitwa DREDECO Ltd wemejwe mu rundi rubanza rwaciwe n'urukiko rw'Ubucuruzi.

Umulisa yatambamiye Urubanza rwaciwe n'urukiko rw'Ubucuruzi, rwemeza ko umwenda bafitiye DREDECO uvuyeho.

Gahizi na DREDECO Ltd bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi narwo rwemeza ko nta gihindutse ku rubanza rwajuririwe.

Nyuma yo kubona ko Urubanza rwaciwe n'urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruvuguruzanya n'urwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama ku byerekeranye n'umwenda bavuga ko bafitiye DREDECO Ltd, aho Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama rwemeje ko uwo mwenda uhari kandi ugomba kugabanwamo kabiri, Gahizi akishyura igice kimwe n' Umulisa akishyura ikindi, Gahizi yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga arusaba gukemura ikibazo cy'uko kuvuguruzanya kuko kurangiza izo manza bidashoboka. Urukiko rw'Ikirenga rwasanze rudafite ububasha bwo kukiburanisha, rucyohereza mu Rukiko rw'Ubujurire.

Abahagarariye Umulisa biregura bavuga ko ikirego cya Gahizi kidakwiriye kwakirwa kuko nta nyungu afite zo kugitanga, kuko yagitanze agamije kurengera inyungu za DREDECO Ltd yatsinzwe imanza zemeje ko nta mwenda bayifitiye ntibijuririre.

Urukiko rw'Ubujurire rwemeje ko Gahizi nta nyungu afite yo gutanga ikirego ku ivuguruzanya ry'imanza zavuzwe haruguru, kuko umwenda wemejwe mu rubanza rw'ubutane wagombaga kwishyurwa DREDECO Ltd utakiriho kuko wakuweho mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

**Incamke y'icyemezo:** Gukurirwaho umwenda ku bashakanye, binyuze mu rubanza biri mu nyungu z'abashakanye kabone nubwo baba bafitanye urubanza rw'ubutane. Bityo umwe mu bashakanye ntiyasaba Urukiko kwemeza ko hari umwenda bafitiye undi muntu, binyuze mu nzira iyo ariyo yose nk'iyo gutanga ikirego cyo gucyemura ukuvuguruzanya kuri hagati y'urubanza rwemeza ko bafite umwenda nurundi ruwukuraho, kuko bitari mu nyungu zabo.

**Ikirego cyo kuvuguruzanya kw'imanza nticyakirwa.**

## Amategeko yashingiweho:

Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 3,111,83

**Nta manza zifashishijwe**

**Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:**
Jean Vicent et Serge Guinchard, Procédure civile 24é ed. Dalloz, Paris, 1996, P.98,
Serge Guinchard, Droit et pratique de la procédure civile, 8e éd., Dalloz, Paris, 2014, p.5,8.
Philippe Malinvaud, Domini Fenouillet et Mustapha Mekki, Droit des obligations, 13ed, LexisNexis, Paris, 2014, p.637.

## Urubanza

# I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Umulisa Karangwa Divine na Gahizi Francis, bashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko, nyuma baza kunaniranwa bituma Umulisa Karangwa Divine atanga ikirego cy'ubutane mu Rukiko Rwibanze rwa Kagarama, asaba no guhabwa abana.

[2] Ku wa 10/05/2016, Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama rwaciye urubanza RC00235/13/TB/KMA, rwemeza ko ikirego cy'ubutane cyatanzwe na Umulisa Karangwa Divine gifite ishingiro, rwemeza ko atandukana burundu na Gahizi Francis kandi bakagabana imitungo n'amadeni, kuko rwasanze hari umwenda Gahizi Francis yari afitiye DREDECO Ltd wa 27. 013. 539Frw, wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE na 3.000 000Frw yaciwe mu rubanza RPA0540/14/TGI/GSBO.

[3] Umulisa Karangwa Divine yatambamiye urubanza RCOM0807/15/TC/NYGE mu Rukiko rw'Ubucuruzi, ikirego cye nticyakirwa, abijuririra mu Rukiko Rukuru, rwemeza ko urwo rubanza rusubizwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi kugira ngo ruruburanishe mu mizi, ikirego cye gihabwa RCOM 00505/2018/TC, maze mu rubanza urwo Rukiko rwaciye, rwemeza ko umwenda wa 27. 013. 539Frw wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kuwa 11/09/2015 ugomba guteshwa agaciro, rwemeza ko n'urwo rubanza ruvanweho.

[4] Gahizi Francis na DREDECO Ltd bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ruca urubanza RCOMA00732/2018/HCC - RCOMA 00826/2018/HCC ku wa 17/10/2018, rwemeza ko nta gihindutse ku rubanza RCOM00505/2018/TC rwajuririwe.

[5] Nyuma yo kubona ko urwo rubanza ruvuguruzanya n'urwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama rwemeje ko umwenda ungana na 27. 013. 539Frw uhari kandi ugomba kugabanwamo kabiri, Gahizi Francis akishyura igice kimwe n'Umulisa Karangwa Divine akishyura ikindi, Gahizi Francis yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko urubanza RC00235/13/TB/KMA ruvuguruzanya n'imanza RCOMA00732/2018/HCC - RCOMA 00826/2018/HCC na RCOM00505/2018/TC /RCOM02345/TC/NYGE, arusaba gukemura ikibazo cy'uko kuvuguruzanya kuko kuzirangiza bitashoboka bitewe n'uko urwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama rwemeje ko mwenda uhari kandi ugomba kugabanwamo kabiri, naho izaciwe n'Inkiko z'Ubucuruzu zikemeza ko nta mwenda uhari, Urukiko rw'Ikirenga rusanga rudafite ububasha bwo kukiburanisha, rucyohereza muri uru Rukiko rw'Ubujurire.

[6] Abahagarariye Umulisa Karangwa Divine batanze inzitizi y'iburabubasha, bavuga ko Urukiko rw'Ubujurire nta bubasha rufite bwo kuburanisha ibirego bisaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza, uru Rukiko rufata icyemezo mu rubanza rubanziriza urundi RC00003/2020/CA cyo ku wa 4/12/2020, rwemeza ko rufite ububasha bwo kuburanisha ibirego bisaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza, iburanisha ry'urubanza mu mizi ryimurirwa ku wa 25/1/2021, ariko uwo munsi ntirwaburanishwa kubera icyorezo cya COVID- 19, iburanisha ryimurirwa ku wa 16/2/2021.

[7] Mu iburanisha mu ruhame ryo ku wa 16/2/2021, Umulisa Karangwa Divine yari ahagarariwe na Me Twagirayezu Kanuma Christophe na Me Rwega Etienne naho Gahizi Francis ahagarariwe na Me Munyandamutsa Jean Pierre wasobanuye ikirego cy'uwo aburanira asaba uru Rukiko gusuzuma ukuvuguruzanya mu manza zavuzwe ariko anarusaba kongera gusuzuma bundi bushya ikibazo cy'umwenda wa 27 013 000Frw avuga ko ugomba kugabanywamo kabiri, igice kimwe kikishyurwa na Umulisa Karangwa Divine, ikindi kikishyurwa na Gahizi Francis, abahagarariye Umulisa Karangwa Divine biregura bavuga ko ikirego cya Gahizi Francis kidakwiriye kwakirwa ngo kiburanishwe muri uru Rukiko kuko nta nyungu afite zo kugitanga, kuko yagitanze agamije kurengera inyungu za DREDECO watsinzwe imanza zemeje ko nta mwenda bayifitiye ntabijuririre, bikaba bitumvikana uburyo Gahizi Francis aza asaba Urukiko kuvanaho urubanza rwabahanaguyeho umwenda we n'umugore we ngo hagumeho urwawemeje.

## II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

**Kumenya niba GAHIZI Francis afite inyungu zo gutanga ikirego gisaba gukemura ukuvuguruzanya kw'urubanza RC 0235/13/TB/KMA n'imanza N° RCOM 00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC - RCOMA 00826/2018/HCC**

[8] Me Twagirayezu Kanuma Christophe, uhagarariye Umulisa Karangwa Nadine, avuga ko Gahizi Francis nta nyungu afite zo gusaba Urukiko gufata icyemezo ku manza zivuguruzanya zavuzwe, kubera ko ibyo asaba ari ugusubira ku manza z'ubucuruzi zabaye itegeko hakarebwa ko uwo mwenda uhari; ko urubanza rwemezaga umwenda ungana na 27 013 000Frw rwatanzwe nk'ikimenyetso mu rubanza rw'ubutane, aho Umulisa Karangwa Divine arumenyeye ararutambamira, inkiko z'ubucuruzi zemeza ko nta mwenda uhari n'urubanza rwemeje uwo mwenda ruvanwaho, ko rero nta nyungu Gahizi Francis afite zo gusaba ko uwo mwenda ugumaho kandi waravanweho mu manza z'ubucuruzi we na DREDECO Ltd batsinzwe, inkiko zikemeza ko we (Gahizi Francis) n'umugore we nta mwenda bafitiye DREDECO. Avuga ko DREDECO Ltd imaze gutsindwa itigeze ijurira, bakaba basanga ibyo Gahizi Francis asaba bigamije kurengera inyungu za DREDECO Ltd aho kuba inyungu ze. Avuga kandi ko nta kibazo abona cyazavuka mu irangizwa ry' izo manza kuko umwenda wakuweho.

[9] Me Rwenga Etienne avuga ko impamvu Umulisa Karangwa Divine yatambamiye urubanza rw'ubucuruzi ari uko umwenda wari warahimbwe noneho asaba ko uwo mwenda wakurwaho, Urukiko rwemeza ko uwo mwenda ntawe uriho, ko rwose nta nyungu Gahizi Francis afite, kuko asaba Urukiko kwemeza ko imanza zivuguruzanya hagamijwe kwerekana ko abereyemo DREDECO Ltd umwenda, kandi nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, inyungu zigomba kuba ari iz'umuntu ku giti cye, z'ako kanya kandi zishingiye ku kintu kiriho (personnel, direct et actuel). Ko inyungu Gahizi Francis afite ari izo kurega DREDECO Ltd ikamusubiza amafaranga avuga ko yayishyuye kuko Inkiko zo zemeje ko uwo mwenda utariho.

[10] Me Munyandamutsa Jean Pierre, avuga ko umwenda wafashwe na Gahizi Francis yubaka inzu azabanamo na Umulisa Karangwa Divine kandi uyu mu manza zabanje atigeze awuhakana, ko rero Gahizi Francis afite inyungu, kuko yishyuye uwo mwenda ungana na 27. 013. 000Frw wenyine kandi afite urubanza rw'ubutane rumurengera, rwategetse uko uwo mwenda ugomba kwishyurwa, inyungu afite akaba ari uko ibyo yatanze bigaruka, ariko bikaba bitashoboka mu gihe hakiri imanza zivuguruzanya, kuko rumwe rwemeza umwenda izindi zikawuvanaho, akaba asaba ko mu gukemura uko kuvuguruzanya havanwaho urubanza rwemeje ko nta mwenda afitiye DREDECO Ltd kuko ari rwo rwaciwe nyuma.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[11] Ingingo ya 3 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "Ikirego cyakirwa mu rukiko iyo urega afite ububasha, inyungu n'ubushobozi byo kurega, keretse igihe itegeko ribiteganya ukundi, naho ingingo ya 83 y'iryo tegeko igateganya ko Impamvu ituma ikirego kitakirwa ari ingingo yose isaba kutakira ikirego cy'umuburanyi, hatinjiwe mu mizi yacyo, kubera ko adafite uburenganzira bwo kurega, nko kuba adafite ububasha n'inyungu zo kurega, ubusaze bw'ikirego, kurenza igihe cyo kurega, urubanza rwabaye itegeko cyangwa kudatanga amagarama."

[12] Dosiye igaragaza ko mu rubanza RC0235/13/TB/KMA rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama ku wa 10/5/2016, haburanaga Umulisa Karangwa Divine na Gahizi Francis baburanaga ubutane, urwo Rukiko rwemeza ko Umulisa Karangwa Divine atandukana burundu na Gahizi Francis kandi bakagabana imitungo n'amadeni, kuko rwasanze hari umwenda wa 27 013 539Frw wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE Gahizi Francis yari afitiye DREDECO Ltd na 3000 000Frw Gahizi Francis yaciwe mu rubanza RPA0540/14/TGI/GSBO rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo.

[13] Dosiye igaragaza kandi ko mu manza RCOM00505/2018/TC / RCOM 02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC-RCOMA 00826/2018/HCC zaciwe n'inkiko z'ubucuruzi ku kirengo cyatanzwe na Umulisa Karangwa Divine atambamiria imikirize y'urubanza RCOM 0807/15/TC/NYGE rwemeje ko Gahizi Francis afitiye DREDECO Ltd umwenda wa wa 27. 013. 539Frw, izo nkiko zikemeza ko umwenda ntawo zikanavanaho urubanza RCOM0807/15/TC/NYGE rwari rwawemeje, haburanaga Umulisa Karangwa Divine, Gahizi Francis na DREDECO Ltd.

[14] Urukiko rurasanga ikibazo kigomba gusuzumwa mbere na mbere muri uru rubanza, ari ukureba ufite inyungu zo gutanga ikirego kigamije gusaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza hagati y'urubanza RC0235/13/TB/KMA rwemeje ko Gahizi Francis na Umulisa Karangwa Divine batandukana burundu bakagabana imitungo bafitanye n'amadeni (umwenda wa 27 013 539 Frw wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE Gahizi Francis yari afitiye DREDECO Ltd na 3.000 000Frw yaciwe mu rubanza RPA0540/14/TGI/GSBO), n'imanza RCOM00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC/ RCOMA 00826/2018/HCC zemeje ko nta mwenda Gahizi Francis afitiye DREDECO Ltd.

[15] Urukiko rusanga ku bireba Gahizi Francis, mu rubanza rw'ubutane RC0235/13/TB/KMA, Urukiko rw'Ibanze rwa Kagarama rwaremeje ko we n'umugore we Umulisa Karangwa Divine batandukanye burundu, rutegeka ko bagomba kugabana ku buryo bungana imitungo yabo ndetse n'imyenda, harimo n'umwenda wa 27.013.000 Frw Gahizi Francis abereyemo DREDECO Ltd wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE, ariko nyuma biza kugaragara mu manza RCOM00505/2018/TC/ RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC /RCOMA00826/2018/HCC, ko uwo mwenda utigeze ubaho ndetse n'urubanza RCOM0807/15/TC/NYGE rwawemeje ruvanwaho, bivuze ko ntacyo Gahizi Francis n'umugore we bari bagisabwa kwishyura DREDECO Ltd kuko urubanza umwenda wari ushingiyeho rwifashishijwe nk'ikimenyetso cyawo mu rubanza rw'ubutane RC0235/13/TB/KMA rwari rumaze guteshwa agaciro.

[16] Urukiko rusanga muri izo manza zose, uwari ukeneye ubwishyu ari DREDECO Ltd, bivuze ko ari nayo yashoboraga gufata iya mbere isaba ko hakemurwa ukuvuguruzanya kw'imanza, kugira ngo irebe ko umwenda wemejwe mu rubanza RC0235/13/TB/KMA, ugakurwaho n'inkiko z'ubucuruzi mu manza RCOM 00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC / RCOMA00826/2018/HCC wagumaho ikabona ubwishyu.

[17] Mu kumenya niba Gahizi Francis afite inyungu zo gutanga ikirego gisaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza zavuzwe haruguru, abahanga mu mategeko bavuga ko inyungu zigomba kuba ari izako kanya (direct) kandi zishingiye ku kintu kiriho (actuel), ko zidashingira ku kugenekereza kw'ibizakorwa[1]. Naho umuhanga Serge Guinchard avuga ko inyungu zigomba kuba iz'umuntu ku giti cye, (personnel) ziriho (né) kandi ari iz'ako kanya (actuel), asobanura ko kuba inyungu ari iz'umuntu kugiti cye ari kimwe mu biranga ikirego ko cyatanzwe nawe, kuko ntawe utegetswe kurengera inyungu z'undi muntu Avuga kandi ko kuba inyungu zigomba kurengerwa ari iz'uwatanze ikirego agaragaza ko zariho igihe ikirego cyatangwaga kuko uruhare rw'umucamanza ari uguca urubanza ku kibazo cyavuts inyungu zishobora kuvuka cyangwa umuntu atekereza kuzagira (éventuel) zitagomba kwitabwaho[2].

[18] Urukiko rushingiye ku mategeko yavuzwe haruguru no ku bitekerezo by'abahanga mu mategeko byagaragajwe, rurasanga Gahizi Francis nta nyungu afite yo gutanga ikirego ku ivuguruzanya ry'imanza zavuzwe haruguru, kuko umwenda wemejwe mu rubanza rw'ubutane wagombaga kwishyurwa DREDECO Ltd utakiriho kuko wakuweho n'imanza RCOM00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC RCOMA00826/2018/HCC zaciwe n'Inkiko z'ubucuruzi, zisumbuye ku rukiko rwari rwawemeje, akaba rero nta nyungu afite yo gusaba ko umwenda ugumaho abinyujije muri iki kirego mu gihe Inkiko zemeje ko nta mwenda agitiye DREDECO Ltd zikavaho n'urubanza rwari rwamwemeje rwashingiweho nk'ikimenyetso cyawo mu rubanza rw'ubutane, kuko guteshwa agaciro k'uwo mwenda biri mu nyungu ze n'umugore we Umulisa Karangwa Divine, bityo ikirego Gahizi Francis yatanze gisaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza, agamije ko havanwaho imanza RCOM00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCCRCOMA00826/2018/HCC zabakuriyeho umwenda we n'umugore we Umulisa Karangwa Divine kikaba kidakwiriye kwakirwa ngo gisuzumwe kuko nta nyungu afite yo kugitanga.

[19] Urukiko rurasanga n'ubwo Gahizi Francis yaba nk'uko abivuga, yaramaze kwishyura DREDECO Ltd umwenda wa 27. 013. 539Frw war wemejwe mu rubanza RCOM0807/15/TC/NYGE mbere yuko ruvanwaho n'imanza RCOM00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC - RCOMA00826/2018/HCC zaciwe n'Inkiko z'ubucuruzi, Umulisa Karangwa Divine atari we yagombaga kurega kuko atari we wahawe ayo mafaranga, ndetse n'inzira yanyuze yo gusaba gukemura ukuvuguruzanya kw'imanza ikaba atari yo ikwiriye yo kugaruza amafaranga avuga ko yishyuye, kuko ahubwo nk'uko n'abahanga mu mategeko babivuga, yashoboraga kurega uwo yayahaye akamusubiza amafaranga yamuye atayakwiye (Paiement ou Répetition de l'indu)[3.] Rurasanga rero uretse no kuba iki kirego cya Gahizi Francis kitagomba kwakirwa kuko nta nyungu afite yo kugitanga, kuba yarareze uwo atagombaga kurega no kuba yaratanze ikirego mu buryo bunyuranyije n'amategeko nazo ni izindi impamvu zituma ikirego cye kitagomba kwakirwa.

---

[1] Jean Vicent et Serge Guinchard, Procédure civile 24é ed. Dalloz, Paris, 1996, P.98, (L'intérêt doit être né et actuel… le fondement et portée de cette exigence est que le rôle du juge est de trancher des litiges deja nés. C'est la raison pour la quelle on impose au demandeur de faire valoir un interet né et actuel, un intérêt simplement eventuel ne suffirait pas).

[2] Serge Guinchard, Droit et pratique de la procédure civile, 8e éd., Dalloz, Paris, 2014, pp.5,8. (L'intérêt doit être personnel, né et actuel. L''exigence d'un intêrêt qui soit personnel au demandeur caractérise le contentieux subjectif. Elle traduit l'idee que nul n'est pas admis, en principe à défendre les intérêts d'autrui. L'intérêt invoqué ne peut être pris en considération que s'il existe au moment où la demande est formée. L'idée est que le rôle du juge est de trancher le litige déjà né L'intérêt éventuel, en principe, ne pourrait être pris en considération).

[3] Philippe Malinvaud, Domini Fenouillet et Mustapha Mekki, Droit des obligations, 13ed, LexisNexis, Paris, 2014, p.637. (Payer l'indu, les mots parlent d'eux même, c'est payer ce qui n'était pas dû. Il s'ensuit un enrechissement sans cause de celui qui a reçu le paiement ; or « ce qui a été payé sans être du est sujet à répétition, c'est -à- dire à restitution au profit de celui qui s'est acquitté par erreur).

[20] Urukiko rushingiye ku bisobanuro byose byatanzwe, rusanga ikirego Gahizi Francis yatanze gisaba gukemura ukuvuguruzanya kuri hagati y'urubanza RC0235/13/TB/KMA n'imanza RCOM00505/2018/TC / RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC / RCOMA00826/2018/HCC, kitagomba kwakirwa, bityo akaba atari ngombwa gusuzuma izindi ngingo z'urubanza zagiweho impaka.

**Kumenya niba amafaranga y'igihembo cya Avoka ay'ikurikiranarubanza yatswe muri uru rubanza yatangwa**

[21] Gahizi Francis asaba Urukiko gutegeka Umulisa Karangwa Divine kumuha 5000 0000rw y'indishyi z'akababaro na 5000 000Frw y'igihembo cya Avoka kuko yiyambaje abavoka bamuburanira akanabishyura.

[22] Abahagarariye Umulisa Karangwa Divine bavuga ko nta ndishyi zahabwa Gahizi Francis kuko ariwe ukomeje kumushora mu manza zitari ngombwa kandi nta kibazo gihari, kuko bagombye kurangiza urubanza rw'ubutane, bakagabana umutungo bashakanye, umwenda utabariwemo kuko wakuweho.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[23] Ingingo ya 111 y' Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko: "Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza."

[24] Urukiko rusanga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikirana rubanza Gahizi Francis yaka atayahabwa kuko ikirego yatanze kitakiriwe.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[25] Rwemeje ko ikirego Gahizi Francis yatanze gisaba gukemura ukuvuguruzanya kuri hagati y'urubanza RC0235/13/TB/KMA n'imanza RCOM00505/2018/TC/ RCOM02345/TC/NYGE na RCOMA00732/2018/HCC / RCOMA00826/2018/HCC kitakiriwe.

[26] Ruvuze ko ingwate y'amagarama Gahizi Francis yatanze arega ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.